Article 11: Gestion du patrimoine des époux mariés sous le régime de la communauté réduite aux acquêts

Les époux mariés sous le régime de la communauté réduite aux acquêts gèrent leur patrimoine de commun accord; ils ont également le même droit de suivi et de représentation sur ce patrimoine commun.

Chaque époux a le droit d'administration, de jouissance et de libre disposition de son patrimoine propre. Les fruits et autres revenus du patrimoine propre de l'époux sont affectés au patrimoine propre de celui-ci.

Ingingo ya 12: Iyishyurwa ry'imyenda yafashwe n'umwe mu bashyingiranywe

Inguzanyo n'imyenda byafashwe n'umwe mu bashyingiranywe mu buryo bw'ivangamutungo w'umuhahano hagamije gukemura ibibazo by'urugo, byishyurwa n'umutungo rusange.

Iyo umutungo rusange udahagije kugira ngo wishyure uwo mwenda wose, ibisigaye byishyurwa n'umutungo wa buri wese mu bashyingiranywe ku buryo bungana.

Inguzanyo n'imyenda byafashwe mu nyungu z'umuntu ku giti cy'e byishyurwa na nyir'ukubifata ku mutungo we bwite. icyakora, iyo mu gihe cyo kuwufata habayeho ubufatanye, uwo mwenda wishyurwa ku mutungo rusange.

Ihazabu n'imyenda ishingiyeye ku buryozwe bw'icyaha kirebana n'umutungo bwite wa buri wese ni gatozi, kandi bikishyurwa n'umutungo bwite w'uwo bireba.

Ingingo ya 13: Iseswa ry'ivangamutungo w'umuhahano n'inkurikizi zaryo

Iyo ivangamutungo w'umuhahano risheshwe ku mpamvu z'ubutane cyangwa guhindura uburyo bw'umicungire y'umutungo, umutungo w'umuhahano ugabanywa abashyingiranywe mu buryo bungana hakurikijwe ibiteganywa mu ivangamutungo rusange, naho umutungo bwite wa buri wese akawugumana.

Article 12: Payment of debts contracted by one of the spouses

Loans and debts contracted by one of the spouses under limited community of property regime, for the benefit of the household are borne by the community property.

Where the whole debt cannot be paid from the jointly owned property, the outstanding balance is paid in equal parts from the property of each spouse.

Loans and debts contracted for one spouse's interests are paid with his/her personal property. However, if the spouses were jointly liable while contracting the debt, it is paid by the community property.

Fines and debts from criminal responsibility linked with the spouse's personal property are personal and payment of such fines and debts is carried out from personal property of the concerned spouse.

Article 13: Dissolution of the limited community of property regime and its effects

Where dissolution of limited community of property regime occurs due to divorce or change in the type of matrimonial regime, spouses share equally the property acquired during marriage in accordance with the procedure for the community of property regime and each spouse keeps his/her personal property.

Article 12: Paiement des dettes contractées par l'un des époux

Les emprunts et dettes contractés par l'un des époux sous le régime de la communauté réduite aux acquêts pour les besoins du ménage sont payés sur le patrimoine commun.

Lorsque le patrimoine commun ne peut couvrir l'entièreté de la dette, le solde restant dû est payé par parts égales sur le patrimoine propre de chaque époux.

Les emprunts et dettes contractés dans l'intérêt personnel sont payés par celui qui les a contractés sur son patrimoine propre. Toutefois, s'il y a eu solidarité lorsqu'ils contractaient la dette, celle-ci est payée sur le patrimoine commun.

Les amendes et dettes délictuelles en rapport avec le patrimoine propre de l'époux sont considérées comme propres et leur paiement est effectué sur le patrimoine propre de l'époux concerné.

Article 13: Dissolution du régime de la communauté réduite aux acquêts et ses effets

En cas de dissolution du régime de la communauté réduite aux acquêts pour des raisons de divorce ou de changement de type de régime matrimonial, les époux se partagent en parts égales les acquêts selon la procédure prévue pour le régime de la communauté

Iyo ivangamutungo w'umuhahano risheshwe ku mpamvu z'urupfu rw'umwe mu bashyingiranywe, umutungo usangiwe wegukanwa n'uwafakaye naho umutungo uwafuye yari yihariye ugacungwa n'uwafakaye kugeza igihe izungura rikorewe.

Iyo iseswa ritewe n'impamvu zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, amategeko agenga igabana ry'umutungo mu gihe cy'ivangamutungo rusange niyo akurikizwa ku mutungo wari usangiwe.

Iciviro cya 3: Ivanguramutungo risesuye

Ingingo ya 14: Igisobanuro cy'ivanguramutungo risesuye

Ivanguramutungo risesuye ni amasezerano abashyingiranywe bagirana bakumvikana gufatanya gutunga urugo rwabo hakurikijwe ubushobozi bwa buri wese, kandi buri wese akagumana uburenganzira bwo gucunga, kwikenuza, gutanga no kugurisha umutungo we bwite.

Ingingo ya 15: Ububasha bwo gucunga umutungo

Iyo umwe mu bashyingiranywe mu buryo bw'ivanguramutungo risesuye ahaye uwo bashyingiranywe ububasha bwo kumucungira

Where dissolution of limited community of property regime occurs due to death of one of the spouses, the common property is owned by the surviving spouse while the personal property of the *de cuius* is managed by the surviving spouse until succession execution.

Where dissolution occurs due to the reasons referred to under Paragraph One of this Article, the provisions governing the sharing of property under community of property regime apply to the common property.

Section 3: Separation of property regime

Article 14: Definition of the separation of property regime

Separation of property regime is a contract by which spouses agree to contribute to the expenses of the household in proportion to their respective abilities while retaining the right of administration, enjoyment and free disposal of their personal property.

Article 15: Power to administer property

Where one of the spouses married under the separation of property regime, transfers the power of administration of his/her property to the

universelle et chaque époux conserve son patrimoine propre.

En cas de dissolution du régime de communauté réduite aux acquêts suite au décès de l'un des époux, les acquêts deviennent la propriété de l'époux survivant tandis que le patrimoine propre du *de cuius* est géré par l'époux survivant jusqu'à l'exécution de la succession.

En cas de dissolution pour des raisons visées à l'alinéa premier du présent article, les dispositions régissant le partage des biens sous le régime de la communauté universelle s'appliquent au patrimoine commun.

Section 3: Régime de la séparation des biens

Article 14: Définition du régime de la séparation des biens

Le régime de la séparation des biens est un contrat par lequel les époux conviennent de contribuer aux charges du ménage à proportion de leurs facultés respectives; chacun conservant l'administration, la jouissance et la libre disposition de son patrimoine propre.

Article 15: Pouvoir d'administration du patrimoine

Si, l'un des époux mariés sous le régime de la séparation des biens confie à l'autre le pouvoir d'administration de son patrimoine, les règles du mandat sont applicables.

umutungo, amategeko rusange agenga amasezerano yo guhagararirwa ni yo akurikizwa.

other spouse, the laws governing powers of attorney apply.

Ingingo ya 16: Iyishyurwa ry'imyenda

Article 16: Payment of debts

Article 16: Payement des dettes

Buri wese mu bashyingiranywe mu buryo bw'ivanguramutungo risesuye afite inshingano zo kwishyura ubwe umwenda yafashe mbere cyangwa nyuma y'isezerano ryo gushyingirwa, keretse iyo uwo mwenda yawufashe ku nyungu z'urugo.

Each spouse is liable for personal debts contracted before or after marriage, unless he/she has contracted such debts for the benefit of the household.

Chacun des époux reste seul tenu de ses propres dettes contractées avant ou après le mariage, hors le cas où il les a contractées pour l'intérêt du ménage.

Umwenda bahuriyeho bawishyura bombi ku mutungo wa buri wese kandi mu buryo bumvikanyeho bajya kuwaka.

The joint debt is repaid by each spouse from his/her own property according to modalities they agreed upon while contracting that debt.

La dette commune est payée par chaque époux sur son patrimoine propre et selon les modalités convenues lorsqu'ils contractaient cette dette.

Ingingo ya 17: Iseswa ry'ivanguramutungo risesuye n'inkurikizi zaryo

Article 17: Dissolution of the separation of property regime and its effects

Article 17: Dissolution du régime de la séparation des biens et ses effets

Iyo ivanguramutungo risesuye risheshwe ku mpamvu z'ubutane cyangwa guhindura uburyo bw'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, buri wese mu bashyingiranywe agumana umutungo we bwite.

If dissolution of separation of property regime occurs due to divorce or change in the type of matrimonial regime, each spouse enjoys ownership of his/her personal property.

En cas de dissolution du régime de la séparation des biens pour des raisons de divorce ou de changement de type de régime matrimonial, chaque époux demeure propriétaire de ses biens propres.

Iyo iryo seswa ritewe n'impamvu y'urupfu rw'umwe mu bari barashyingiranywe, umutungo w'uwapfuye uzungurwa n'abazungura be mu buryo buteganywa n'iri tegeko.

Where dissolution of separation of property regime occurs due to death of one of the spouses, succession of the property of de cujus is carried out in accordance with provisions of this Law.

En cas de dissolution du régime de la séparation des biens suite au décès de l'un des époux, la succession du patrimoine du de cujus se fait conformément aux dispositions de la présente loi.

Iciviro cya 4: Ingingo zihuriweho mu micungire y'umutungo w'abashyingiranywe

Ingingo ya 18: Uburenganzira n'inshingano z'abashyingiranywe bikomoka ku gushyingirwa

Hatitawe ku buryo bw'imicungire y'umutungo bahisemo, abashyingiranywe bagomba kubahiriza uburenganzira n'inshingano byabo bikomoka ku gushyingirwa.

Ingingo ya 19: Gusobanurira abagiye gushyingirwa uburyo bw'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe

Umwanditsi w'irangamimerere ategura kandi agaha inyigisho irambuye abagomba gushyingirwa, akabasobanurira imiterere ya buri buryo bw'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe agamije kubafasha guhitamo ububanogeye, nibura iminsi irindwi (7) mbere y'umuhango nyir'izina w'ishyingira.

Ingingo ya 20: Iyandikwa ry'uburyo bw'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe

Ku muni w'ishyingirwa, uburyo bwo gucunga umutungo abashyingiranywe bahisemo bwandikwa mu gitabo cy'inyandiko z'abashyingiranywe ndetse no mu nyandiko y'ishyingirwa.

Uburyo abashyingiranywe bahisemo gucunga umutungo wabo bugomba kwandikwa mu isezerano ry'ugushyingirwa, rikorerwa imbere

Section 4: Common provisions on matrimonial regimes

Article 18: Rights and duties of spouses arising from the marriage

Notwithstanding the chosen matrimonial regime, spouses must fulfil rights and duties arising from the marriage.

Article 19: Explanations on types of matrimonial regimes to future spouses

The Civil Status Registrar prepares and provides the prospective spouses with detailed instruction and explain them the nature of each type of matrimonial regime in order to help them choose the appropriate regime, at least seven (7) days before the ceremony itself.

Article 20: Recording the type of matrimonial regime

On the day of marriage, the type of matrimonial regime chosen by the spouses is recorded in the registry of marriage and on the marriage certificate.

The type of matrimonial regime chosen by the spouses must be recorded in the contract of marriage celebrated before the Civil Status

Section 4: Dispositions communes aux régimes matrimoniaux

Article 18: Droits et obligations des époux découlant du mariage

Quel que soit le régime matrimonial de leur choix, les époux sont tenus aux droits et obligations qui découlent du mariage.

Article 19: Explications sur les types de régimes matrimoniaux aux futurs époux

L'Officier de l'Etat Civil prépare et donne un enseignement aux futurs époux, tout en leur expliquant la nature de chaque type de régime matrimonial pour les aider à faire un choix approprié, au moins sept (7) jours avant la cérémonie proprement dite.

Article 20: Inscription du type de régime matrimonial

Le type de régime matrimonial choisi par les époux est inscrit, au jour de la célébration du mariage, au registre des actes de mariage ainsi que dans l'acte de mariage.

Le type de régime matrimonial choisi par les époux doit être inscrit dans le contrat de mariage célébré devant l'Officier de l'Etat

y'Umwanditsi w'Irangamimerere, ba nyir'ubwite bahibereye kandi babyemeranyijweho.

Registrar in the presence of the concerned spouses and upon their common consent.

Civil, en présence des époux concernés et sur leur consentement mutuel.

Uburyo bwo gucunga umutungo butangira gukurikizwa bakimara gushyingirwa.

The type of matrimonial regime takes effect immediately after marriage.

Le type de régime matrimonial prend effet immédiatement après la conclusion du mariage.

Ingingo ya 21: Guhitamo uburyo bw'amicungire y'umutungo w'abashyingiranywe ku muntu wahawe umujyanama cyangwa umwishingizi

Article 21: Choice of type of matrimonial regime by a person provided with an adviser or a guardian

Article 21: Choix du type de régime matrimonial par la personne pourvue de conseiller ou de tuteur

Umuntu wahawe umujyanama kubera gutagaguza umutungo we cyangwa umuntu wahawe umwishingizi, ahitamo uburyo bw'amicungire y'umutungo abifashijwemo n'ushinzwe kumugira inama cyangwa umwishingizi we.

A person provided with an adviser due to dissipation of property or a person provided with a guardian chooses a type of matrimonial regime with the assistance of his/her adviser or his/her guardian.

Une personne pourvue de conseiller pour cause de dissipation des biens ou une personne pourvue de tuteur choisit le type de régime matrimonial avec l'assistance de son conseiller ou de son tuteur.

Ingingo ya 22: Guhindura uburyo bw'amicungire y'umutungo w'abashyingiranywe

Article 22: Modification of the type of matrimonial regime

Article 22: Changement de type de régime matrimonial

Uburyo bw'amicungire y'umutungo w'abashyingiranywe bushobora guhinduka bisabwe n'umwe mu bashyingiranywe cyangwa bombi. Bagomba kugaragaza ko iryo hinduka risabwe ku nyungu z'urugo cyangwa impinduka zikomeye zabayeho mu mibereho yabo cyangwa mu mibereho y'umwe muri bo.

The type of matrimonial regime may be modified upon the request by one of the spouses or by both spouses. They are required to establish that the modification is requested in the interests of the household or due to important changes occurred in their living conditions or in the living conditions of one of them.

Le type de régime matrimonial peut être modifié à la demande conjointe des époux ou de l'un des époux. Les époux doivent démontrer que le changement est demandé dans l'intérêt du ménage ou suite à des changements importants survenus dans leurs conditions de vie ou dans les conditions de vie de l'un d'eux.

Ikirego gitangwa mu buryo bw'ikirego cyihutirwa mu rukiko rubifitiye ububasha rukorera mu ifasi y'aho abashyingiranywe baba.

Request is submitted under summary procedure before a competent court of the place where the spouses reside.

La requête est introduite par voie de référé devant le tribunal compétent du lieu de résidence des époux.

Iyo urukiko rwanze ku buryo budasubirwaho icyo cyifuzo, abashyingiranywe ntibashobora kongera kubisaba hadashize umwaka umwe (1) kandi bishingiye gusa ku ngingo nshya.

In case of a final rejection of the request, any other request cannot be resubmitted before the expiry of one (1) year period, and upon new elements.

En cas de rejet définitif de la demande, celle-ci ne peut être réintroduite qu'après une période d'une (1) année et pour autant qu'elle s'appuie sur des éléments nouveaux.

Ingingo ya 23: Kwandikwa kw'ihinduka ry'uburyo bw'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe

Mu gihe cy'ukwezi kumwe (1) uhereye igihe icyemezo cyo guhindura uburyo bw'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe kitagishoboye kujuririrwa, bisabwe n'uwatanze ikirego, icyemezo cy'urukiko kirebana n'iryo hinduka gishyikirizwa umwanditsi w'irangamimerere ukorera mu ifasi y'aho imihango yo gushyingirwa yabereye kugira ngo byandikwe mu nyandiko y'ishyingirwa.

Ababerewemo umwenda bashobora gusaba Urukiko mu buryo bw'ikirego ko ibyahinduwe mu masezerano yo gushyingirwa bitabagira ingaruka iyo babona byarabangirije. Icyo kirego gisaza mu gihe cy'umwaka umwe (1) ubarwa uhereye igihe bamenyesherejwe izo mpinduka.

Ingingo ya 24: Ukwamburwa uburenganzira bwo gucunga umutungo

Hatitawe ku buryo bw'imicungire y'umutungo, iyo umwe mu bashyingiranywe abangamiye inyungu z'urugo, kwaba kutita ku mutungo w'umuryango ndetse n'uwe bwite, cyangwa kuwupfusha ubusa, ashobora kwamburwa ububasha bwo kuwucunga, kuwikenuza, kuwutanga no kuwugurisha, bisabwe n'uwo bashyingiranywe cyangwa undi wese waba abifitemo inyungu.

Article 23: Recording modifications of the type of matrimonial regime

Within one (1) month from the date on which the final decision modifying the type of matrimonial regime cannot be appealed, upon request by the plaintiff, the court order regarding that change is sent to the Civil Status Registrar of the place where the marriage was celebrated for being recorded on the marriage certificate.

Creditors may file before the court a claim requesting not to be bound by such medications when they realize that the changes into the marriage contract caused prejudice to them. Such a claim is prescribed after one (1) year from the date they are notified of such changes.

Article 24: Deprivation of the right to administer property

Where, irrespective of the type of matrimonial regime, one of the spouses compromises the interests of the household by depreciating the family property or his/her own property or misusing it, he/she may be deprived of the rights of administration, enjoyment, disposal and sale of the property upon request by the other spouse or any interested third party.

Article 23: Inscription des changements du type de régime matrimonial

Dans un délai d'un mois (1) à compter de la date à laquelle la décision définitive de changement du type de régime matrimonial ne peut plus être l'objet d'appel, à la diligence du demandeur, l'ordonnance s'y rapportant est transmise à l'Officier de l'état civil du lieu de célébration du mariage aux fins de sa mention dans l'acte de mariage.

Les créanciers peuvent demander à la juridiction par voie de requête que ces changements soient déclarés inopposables à leur égard lorsqu'ils réalisent qu'ils sont préjudiciés par les changements apportés au contrat de mariage. Cette action est prescrite après une (1) année à compter de la notification de ces changements.

Article 24: Déchéance du droit d'administration du patrimoine

Lorsque, quel que soit le type de régime matrimonial, l'un des époux compromet les intérêts du ménage, soit en laissant déperir le patrimoine familial ou son patrimoine propre, soit en le dilapidant, il peut être déchu des droits d'administrer, de jouir, de disposer et de vendre ledit patrimoine, à la demande de son époux ou d'un tiers intéressé.

Ikirego gitangwa mu buryo bw'ikirego cyihutirwa mu rukiko rubifitiye ububasha rukorera mu ifasi yaho abashyiranywe baba.

Request is submitted under summary procedure before a competent court of the place where the spouses reside.

La requête est introduite par voie de référé devant la juridiction compétente du lieu de résidence des époux.

Uretse igihe bibaye ngombwa ko urukiko rushyiraho ucunga umutungo, umucamanza aha umwe mu bashyiranywe wabisabye, uburenganzira bwo gucunga umutungo bwite w'uwabwambuwe, maze agafata ibyabyawe n'uwo mutungo mu gukemura ibibazo by'urugo, ibisigaye akabizigama.

Unless it is necessary to appoint a judicial administrator, the judge grants the plaintiff spouse with the right to administer the personal property of the spouse divested of such right and use the profits for the benefit of the household; any excess profits is saved.

A moins qu'il ne soit nécessaire de nommer un administrateur judiciaire, le jugement confère à l'époux demandeur le pouvoir d'administrer le patrimoine propre de l'époux dessaisi et d'en percevoir les fruits qu'il utilise pour couvrir les charges du ménage; l'excédent constituant des économies.

Uwambuwe ubwo bubasha ashobora gusaba urukiko gusubirana ububasha bwo gucunga umutungo we iyo agaragaje ko impamvu zari zateye umucamanza kubumwambura zitakiriho.

The spouse deprived of such rights may subsequently petition the court for restoration of his or her rights to administer the personal property once the underlying cause of the divestment no longer exists.

L'époux déchu peut, par la suite, demander à la juridiction la restauration des pouvoirs d'administrer le patrimoine propre s'il prouve que les causes qui l'avaient justifiée n'existent plus.

Iyo umwe mu bashyiranywe wari warahawe uburenganzira bwo gucunga umutungo mu buryo buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo apfuye, ubifitemo inyungu wese asaba urukiko rubifitiye ububasha, mu buryo bw'ikirego gitanzwe n'umuburanyi umwe, kugena undi muntu wo gucunga umutungo w'uw'ari warambabwe ububasha.

In case of death of one of the spouse to whom the right to administer the property as per the provisions of Paragraph One of this Article was awarded, any interested party makes a unilateral request before the competent court to assign to another person the right to administer the personal property of the spouse divested of such right.

En cas de décès de l'époux auquel il avait été conféré le droit d'administrer les biens conformément aux dispositions de l'alinéa premier du présent article, toute partie intéressée introduit une requête unilatérale devant la juridiction compétente pour que cette dernière donne à une autre personne le pouvoir d'administrer le patrimoine propre de l'époux dessaisi.

Ingingo ya 25: Impamvu z'iseswa ry'uburyo bw'imicungire y'umutungo w'abashyiranywe

Article 25: Reasons for dissolution of type of matrimonial regime

Article 25: Raisons de la dissolution du type de régime matrimonial

Uburyo bw'imicungire y'umutungo w'abashyiranywe buseswa ku mpamvu zikurikira :

Types of matrimonial regime are dissolved for the following reasons:

Les régimes matrimoniaux se dissolvent pour les raisons suivantes:

1° gutana kw'abashyingiranywe;

2° guhindura uburyo bw'icunga-mutungo;

3° urupfu rw'umwe mu bashyingiranywe.

1° divorce;

2° modification of type of matrimonial regime;

3° death of one of the spouses.

1° le divorce;

2° le changement de type de régime matrimonial ;

3° le décès de l'un des époux.

Ingingo ya 26: Amategeko agenga imicungire y'umutungo w'abanyamahanga bashyingiriwe mu Rwanda, umunyarwanda n'umunyamahanga bashyingiriwe mu Rwanda cyangwa mu mahanga cyangwa Abanyarwanda bashyingiriwe mu mahanga

Uburyo bw'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe b'abanyamahanga baba bahuje ubwenegihugu cyangwa batabuhoje bashyingiriwe mu Rwanda bugengwa n'itegeko ry'Igihugu cy'umwe mu bashyingiranywe bihitiyemo cyangwa n'itegeko ry'Igihugu cy'u Rwanda.

Iyo ari umunyarwanda ushyingiranywe n'umunyamahanga, baba bashyingiranywe mu Rwanda cyangwa mu mahanga, uburyo bw'imicungire y'umutungo bugengwa n'itegeko ry'Igihugu cy'u Rwanda cyangwa itegeko ry'Igihugu cy'uwo munyamahanga, cyangwa iry'Igihugu amasezerano yabereyemo.

Iyo ishyingirwa ritabereye imbere y'uhagarariye u Rwanda mu mahanga, abashyingiranwa bahitamo ko uburyo bw'imicungire y'umutungo bugengwa n'itegeko ry'u Rwanda cyangwa iry'igihugu amasezerano yabereyemo.

Article 26: Applicable law for matrimonial regimes for foreigners who celebrate their marriage in Rwanda, a Rwandan and a foreigner who celebrate their marriage in Rwanda or abroad or Rwandans who celebrate their marriage abroad

The type of matrimonial regime for foreigners, whether they are nationals of the same country or those of different countries and who celebrate their marriage in Rwanda, is governed either by the law of the country of one of the spouses depending on their choice or by the Rwandan law.

For the case of a Rwandan marrying a foreigner, whether in Rwanda or in a foreign country, the type of matrimonial regime is governed either by the Rwandan law, by the law of the country of the foreign spouse or by the law of the country in which the marriage was celebrated.

When the marriage is not concluded before the Rwandan representative abroad, the prospective spouses choose that the type of matrimonial regime be governed either by the Rwandan law or by the law of the country in which the marriage is celebrated.

Article 26: Loi applicable aux régimes matrimoniaux des étrangers qui concluent leur mariage au Rwanda, d'un Rwandais et d'un étranger qui concluent leur mariage au Rwanda ou à l'étranger ou des Rwandais qui concluent leur mariage à l'étranger

Le type de régime matrimonial des étrangers, soit de même nationalité, soit de nationalité différente et qui concluent leur mariage au Rwanda est régi soit par la loi du pays de l'un des époux selon leur choix, soit par la loi rwandaise.

Lorsqu'il s'agit d'une personne de nationalité rwandaise qui se marie à un étranger, soit au Rwanda ou dans un pays étranger, le type de régime matrimonial est régi, soit par la loi rwandaise, soit par la loi du pays de l'époux étranger ou soit par la loi du pays dans lequel le mariage est conclu.

Lorsque le mariage n'est pas conclu devant le représentant du Rwanda à l'étranger, les futurs époux choisissent que le régime matrimonial soit régi par la loi rwandaise ou par la loi du pays dans lequel le mariage est conclu.

UMUTWE WA III: IMPANO ZITANZWE MU RWEGO RW'UMURYANGO

Ingingo ya 27: Igisobanuro cy'impano itanzwe mu rwego rw'umuryango

Impano itanzwe mu rwego rw'umuryango ni igikorwa cy'ubushake cyo gutanga cyangwa kwakira ikintu gifite agaciro nta kiguzi cyangwa uburenganzira kuri icyo kintu bikozwe n'abashyingiranywe bombi cyangwa umwe muri bo.

Ingingo ya 28: Uburyo impano itangwa mu rwego rw'umuryango

Impano itanzwe mu rwego rw'umuryango ishobora gutangwa hagati y'abashyingiranywe ubwabo cyangwa hagati y'abashyingiranywe n'undi muntu cyangwa igatangwa hagati y'ababyeyi n'abana babo kuri bimwe mu bigize umutungo wabo. Iyo ababyeyi baha umwana wabo impano, babikora hadashingiwe ku ivangura hagati y'abana b'abakobwa n'abahungu.

Impano itanzwe mu rwego rw'umuryango ishobora gukorerwa inyandiko mpamo cyangwa inyandiko bwite cyangwa igashyikirizwa gusa nyirayo.

Ingingo ya 29: Ubwoko bw'impano

Ubwoko bw'impano zitanzwe mu rwego rw'umuryango ni ubu bukurikira:

- 1° impano zitanzwe hagati y'abakiriho;
- 2° indagano.

CHAPTER III: FAMILY DONATIONS

Article 27: Definition of family donation

Family donation refers to a voluntary act by which spouses or one of them transfer to or receive from another person a gratuitous valuable property or patrimonial right.

Article 28: Modalities for family donation

The family donation may be made between spouses themselves or between spouses and another person or may be made between parents and their children whereby they donate a portion of their property. Where parents donate to their child, they do it without any discrimination between girls and boys.

Family donation is made by authentic deed, written agreement or simple transfer.

Article 29: Types of donations

The types of family donations are the following:

- 1° inter vivos donations;
- 2° legacy.

CHAPITRE III: LIBERALITES A CARACTERE FAMILIAL

Article 27: Définition d'une libéralité à caractère familial

Une libéralité à caractère familial est un acte volontaire par lequel les époux ou l'un d'eux transfèrent à une autre personne ou reçoivent de celle-ci, à titre gratuit un bien de valeur ou un droit patrimonial.

Article 28: Modalités de faire une libéralité à caractère familial

Une libéralité à caractère familial peut être faite entre les époux eux-mêmes ou entre les époux et une autre personne ou entre les parents et leurs enfants par laquelle ils font des dons d'une partie de leur patrimoine. Lorsque les parents font des dons à leur enfant, ils le font sans aucune discrimination entre les filles et les garçons.

Une libéralité à caractère familial peut être faite par acte authentique ou sous-seing privé ou par simple tradition.

Article 29: Type de libéralités

Les types de libéralités à caractère familial sont les suivants:

- 1° les libéralités entre vifs;
- 2° le legs.

Iciviro cya mbere: Impano hagati y'abakiriho

Ingingo ya 30: Igisobanuro cy'impano hagati y'abakiriho

Impano hagati y'abakiriho ni amasezerano y'ubugiraneza atuma umuntu aha undi mu mutungo we ku buryo budasubirwaho kandi uhawe akabyemera.

Ingingo ya 31: Itegeko rigenga impano hagati y'abakiriho

Haseguriwe ibiteganywa ukundi n'amategeko rusange agenga amasezerano, impano zikozwe mu rwego rw'umuryango hagati y'abakiriho zigengwa n'iri tegeko.

Ingingo ya 32: Kugira agaciro kw'impano hagati y'abakiriho

Impano hagati y'abakiriho igira agaciro ku muni uyihawe ayemereyeho. Uhawe impano ashobora kuyemera mu nyandiko cyangwa mu mvugo.

Kwegurira umuntu uburenganzira ku mutungo wimukanwa cyangwa utimukanwa watanzwe bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Ingingo ya 33: Guta agaciro kw'impano hagati y'abakiriho

Impano yose ita agaciro iyo:

- 1° ishyirwa mu bikorwa ryayo rishingira k'ugushaka gusa k'uwayitanze;

Section One: Inter vivos donations

Article 30: Definition of inter vivos donations

The inter vivos donation is a charitable contract by which the donor irrevocably transfers a patrimonial right to another person who accepts it.

Article 31: Law governing inter vivos donations

Unless where provided otherwise by the contract law, inter vivos donations are governed by this Law.

Article 32: Effects of inter vivos donation

The inter vivos donation takes effect on the date of its acceptance. The receiver of the donation may accept it in writing or verbally.

The transfer of ownership of movable or immovable property is done in accordance with relevant laws.

Article 33: Nullity of inter vivos donations

Any donation is void if:

- 1° the donation is made, but is conditional to the single will of the donor;

Section première: Libéralités entre vifs

Article 30: Définition de libéralités entre vifs

La libéralité entre vifs est un contrat de bienfaisance par lequel le donateur transfère irrévocablement un droit patrimonial à une autre personne qui l'accepte.

Article 31: Loi régissant les libéralités entre vifs

A moins que le droit commun des contrats n'en dispose autrement, les libéralités entre vifs sont régies par la présente loi.

Article 32: Effet d'une libéralité entre vifs

La libéralité entre vifs ne produit d'effet qu'au jour de son acceptation. Le donataire peut l'accepter verbalement ou par écrit.

Le transfert du droit de propriété sur le bien meuble ou immeuble se réalise conformément aux lois en la matière.

Article 33: Nullité d'une libéralité entre vifs

Est nulle, toute libéralité:

- 1° soumise à des conditions dont l'exécution dépend de la seule volonté du donateur ;

Official Gazette n°31 of 01/08/2016

- | | | |
|--|--|--|
| 2° itubahirije amategeko ndemyagihugu n'imigenzo myiza; | 2° it does not conform to rules of public order and good morals; | 2° contraire aux règles d'ordre public et de bonnes mœurs; |
| 3° itanzwe n'utari nyirayo; | 3° it is made by a person other than its owner; | 3° dont le donateur diffère du propriétaire de ladite libéralité ; |
| 4° itegeka uyihawe kuriha imyenda y'uyitanze cyangwa ibindi agomba, bitariho cyangwa bitagaragajwe mu gihe cy'itangwa ryayo; | 4° the receiver is required to pay extraneous debts or charges of the donor unless those previous to the donation and that are mentioned in the act of donation; | 4° qui impose au donataire de la libéralité de payer des dettes ou charges du donateur, autres que celles qui existaient à l'époque de la libéralité ou qui ne seraient pas exprimées dans l'acte de libéralité; |
| 5° utanga yisigiramo uburenganzira bwo gutanga cyangwa kugurisha kimwe cyangwa byinshi mu bintu atanze. | 5° the donor makes a gift but retains the right to dispose of any of the rights or items donated. | 5° dans laquelle le donateur se réserve le droit de disposer d'un ou de plusieurs biens donnés. |

Ingingo ya 34: Ikirego kigamije gutesha agaciro impano hagati y'abakiriho

Ikirego kigamije gutesha agaciro impano itanzwe hagati y'abakiriho gitangwa n'awayitanze, uwayihawe cyangwa n'undi wese ubifitemo inyungu mu gihe kitarenze umwaka umwe (1) uherye igihe impamvu ituma impano isabirwa guteshwa agaciro yabereyeho.

Ingingo ya 35: Inkurikizi zo gutesha impano agaciro

Impano iteshejwe agaciro, ifatwa nk'aho itigeze ibaho. Ibyari byaratanzweho impano n'ibyabyawe nayo byose bikiri mu maboko y'uwahawe birasubizwa.

Iteshwagaciro ry'impano ntacyo ribangamiraho abahawe ingwate ku mutungo wari waratanzweho

Article 34: Action to nullify an inter vivos donation

An action to nullify an inter vivos donation is filed by the donor, the receiver or any other interested person within a period not exceeding one (1) year from the day the grounds for the nullity of the donation has arisen.

Article 35: Effect of the nullity of donation

A nullified donation is deemed to have never existed. All components of the donation and its fruits still in the possession of the receiver are returned.

The nullification of the donation does not affect holders of security stemming from a property

Article 34: Action en nullité d'une libéralité entre vifs

Une action en nullité d'une libéralité entre vifs est introduite par le donateur, le donataire ou toute autre personne intéressée dans une période ne dépassant pas un (1) an à compter du jour auquel l'objet de nullité s'est manifesté.

Article 35: Effets de la nullité d'une libéralité

La nullité de libéralité entre vifs rend nulle son existence antérieure. Tous les biens constituant la libéralité ainsi que les fruits en découlant en possession du donataire sont restitués.

La nullité de libéralité entre vifs ne porte pas préjudice aux créanciers ayant reçu pour

impano cyangwa abandi bafite uburenganzira kuri wo.

formally given as donation or any other parties enjoying entitlements to the same property.

garantie le bien antérieurement cédé en libéralité ou à toute autre personne ayant droit à ce bien.

Ingingo ya 36: Iseswa ry'impano hagati y'abakiriho

Article 36: Revocation of an inter vivos donations

Article 36: Révocation d'une libéralité entre vifs

Impano yose itanzwe hagati y'abakiriho iseswa ku mpamvu zikurikira:

Any inter vivos donation is revocable for the following reasons:

Toute libéralité entre vifs est révocable pour des raisons suivantes:

1° iyo uhawe impano yanze kubahiriza inshingano yari yarahawe ziyiturutseho;

1° the receiver fails to fulfil any of the obligations required under the terms of the donation;

1° le donataire manque à ses obligations sous lesquelles elle a été faite ;

2° ubuhemu bw'uwahawe.

2° ingratitude of the receiver.

2° ingratitude du donataire.

Ingingo ya 37: Ikirego gisaba gusesa impano yatanzwe hagati y'abakiriho

Article 37: Action to revoke inter vivos donation

Article 37: Action en révocation d'une libéralité entre vifs

Ikirego gisaba gusesa impano gitangwa mu gihe kitarenze umwaka umwe (1) uhereye igihe impamvu iryo seswa risabirwa yabereyeho cyangwa igihe nyir'ukurisaba yayimenyeyeho.

An action to revoke the donation is lodged within a period not exceeding one (1) year from the day grounds for revocation arise or the day the said grounds were brought to the knowledge of the plaintiff.

L'action en révocation de la libéralité est introduite dans un délai ne dépassant pas un (1) an à partir du jour où le motif de révocation s'est présenté ou le jour où ledit motif a été porté à la connaissance du demandeur.

Icyo kirego ni gatozi k'uwatanze impano kandi ntashobora kugitanga aryoza abazungura b'uwo yayihaye. icyakora, iyo uwayitanze apfuye yari yarakigejeje mu rukiko, abamuzungura bashobora kugikomeza mu izina rye.

This action is personal to the donor and he/she may not sue heirs for revocation. However, if the donor dies after he/she files the action, his or her heirs may continue the claim in the name of the de cujus.

Cette action est personnelle au donateur et celui-ci ne peut l'exercer contre les héritiers du donataire. Toutefois, si le donateur décède après avoir introduit cette action, ses héritiers peuvent la continuer en son nom.

Ingingo ya 38: Inkurikizi z'iseswa ry'impano hagati y'abakiriho

Iyo impano isheshwe, uwayihawe ategukwa gusubiza ibyo yari yarahawe ku bw'amasezerano y'impano.

Icyakora, ntashobora gutegekwa gusubiza agaciro k'ibyo na we yatanze cyangwa yagurishije mbere y'uko urukiko rushyikirizwa ikirego. Ntategekwa kandi gusubiza ibyo yabyaje iyo mpano cyangwa izindi nyungu izo ari zo zose yakuye kuriyo.

Iyo uwahawe hari ibyo yakoze kugira ngo yongere agaciro k'impano yahawe arabisubizwa igihe isheshwe. Iryo seswa ntacyo ribangamiraho abahawe ingwate ku bintu byari byaratanzwe kimwe n'abafite ubundi burenganzira kuri byo.

Iciviro cya 2: Indagano

Ingingo ya 39: Igisobanuro cy'indagano

Indagano ni impano itangwa mu buryo bw'irage nyir'ukuyihabwa akayegukana ari uko uwayimuhaye apfuye.

Ingingo ya 40: Ubwoko bw'indagano

Indagano ishobora gukorwa ku mutungo wose, ku gice cy'umutungo cyangwa ku bintu runaka.

Indagano ku mutungo wose iha nyir'ukuyihabwa uburenganzira ku bintu byose bigize umutungo

Article 38: Effects of revocation of an inter vivos donation

If revocation occurs, the receiver is required to return anything he/she received by virtue of the donation.

However, the receiver is not required to compensate the donor, neither for the value of any items that were disposed of or sold before the action of revocation is instituted, nor for fruits and other benefits of any kind from the items.

If a donation is revoked, the receiver is reimbursed for expenses made to improve the property. Such revocation does not affect any creditor to whom a donated property has been formally given as security or any other parties enjoying entitlements to the same property.

Section 2: Legacy

Article 39: Definition of the legacy

A legacy is a donation made in the form of will, the full ownership of which is acquired by the legatee only after the death of the testator.

Article 40: Types of legacies

A legacy can be under universal, general title or particular title.

A legacy under universal title is that by which the legatee is entitled to the whole property the *de*

Article 38: Effet de la révocation d'une libéralité entre vifs

En cas de révocation d'une libéralité, le donataire est obligé de restituer ce qu'il a reçu en vertu du contrat.

Toutefois, le donataire ne peut pas être obligé de restituer, ni la valeur des objets de la libéralité cédés ou vendus avant la saisine de la juridiction, ni les fruits et autres bénéfices de toute sorte qu'il en a tirés.

Lorsque le donataire a exposé les frais pour améliorer la valeur du bien faisant l'objet de libéralité, ils lui sont restitués par suite de la révocation. La révocation ne porte préjudice non plus au créancier ayant reçu pour garantie le bien antérieurement placé en libéralité ni à toute autre personne ayant droit audit bien.

Section 2: Legs

Article 39: Définition de legs

Le legs est un don fait sous forme de testament, lequel legs revient au légataire à la mort du testateur.

Article 40: Types de legs

Le legs peut être universel, à titre universel ou à titre particulier.

Le legs universel donne au légataire le droit à la totalité du patrimoine dont le de cujus est

wose uwapfuye yemerewe gutanga. Indagano ku gice cy'umutungo iha nyir'ukuyihabwa uburenganzira ku gice cy'ibintu bigize umutungo uwapfuye yemerewe gutanga. Naho indagano ku bintu runaka iha nyir'ukuyihabwa uburenganzira ku kintu cyangwa ibintu runaka ku mutungo uwapfuye yemerewe gutanga.

Ingingo ya 41: Inshingano zikomoka ku itangwa ry'indagano

Uwahawe indagano mu mutungo w'uwapfuye nta nshingano agira yo kwishyura imyenda y'uwamuhaye indagano.

Ingingo ya 42: Gutanga indagano ku itsinda ry'abantu bafite icyo bahuriyeho

Iyo umuntu atanze indagano akayihira itsinda ry'abantu bafite icyo bahuriyeho bo mu gace runaka, iyo indagano ifatwa n'ubuyobozi bw'Akarere ako gace gaherereyemo igihe cyo kwegeranya umutungo watanze indagano, bukawushyikiriza ba nyirawo. Iyo utanga indagano atasobanuye aho abo bantu bagize itsinda batuye, indagano ifatwa n'Ubuyobozi bw'Akarere uwatanze indagano yari atuyemo cyangwa aho yabaga bukayishyikiriza itsinda ry'abantu bafite icyo bahuriyeho.

Iyo abahabwa indagano bari mu Turere dutandukanye, indagano ifatwa na Minisitari ifite imibereho myiza mu nshingano zayo, ikayihira abahawe indagano.

cujus is authorised to donate. A legacy under general title is that by which the legatee is entitled to a portion of the property the de cuius is authorised to donate. The legacy under particular title is that by which the legatee is entitled to one or more specified components making up the property the de cuius is authorised to donate.

Article 41: Duties arising from legacy

The legatee of the property of the de cuius is not liable for the obligations of paying debts of the testator.

Article 42: Legacy to a linked group of persons

When the person bequeaths his/her property to a linked group living in a particular place, the legacy is, at the time of liquidation, collected by the District administration where the place is located, who in turn hands it over to the legatees. Where the testator has not mentioned the address of the people making up the group, the District administration where the testator was domiciled or resided collects the legacy and hand it over to the legatees making up the linked group.

Where the legatees are located in different Districts, the legacy is collected by the Ministry in charge of social affairs, which hands it over to the legatees.

autorisé à disposer. Le legs à titre universel est celui qui donne au légataire le droit à recueillir une quote-part du patrimoine dont le de cuius est autorisé à disposer. Le legs à titre particulier est celui qui donne au légataire le droit à recueillir un ou des biens déterminés du patrimoine dont le de cuius est autorisé à disposer.

Article 41: Devoirs découlant du legs

Le légataire des biens du de cuius n'est pas tenu aux obligations de payer les dettes du testateur.

Article 42: Legs à un groupe de gens ayant des liens communs

Si une personne lègue ses biens à un groupe de gens ayant des liens communs d'une même région, le legs leur attribué est recueilli, au moment de la liquidation de la succession, par les autorités du District, dans lequel se trouve cette région, qui le remet aux légataires. Lorsque le testateur n'a pas indiqué l'adresse du groupe, l'administration du District dans lequel le testateur était domicilié ou résidait, recueille le legs et le remet aux membres du groupe ayant des liens communs.

Si les légataires se trouvent dans des districts différents, le legs est recueilli par le Ministère ayant les affaires sociales dans ses attributions, qui le remet aux légataires.

Ingingo ya 43: Inkurikizi z'indagano

Ibintu byatanzweho indagano n'ibibikomokaho byose n'indishyi zabyo zo mu bwishingizi bihabwa uwahawe indagano uhereye ku muni irage ryatangiriyeho keretse iyo uraga abigennye ukundi.

Indagano ihawe ababerewemo imyenda ntabwo ifatwa nk'ihwanisha mwenda.

Ingingo ya 44: Guta agaciro kw'indagano

Indagano ita agaciro iyo:

- 1° uwahawe indagano apfuye mbere y'ubaraza, uretse igihe ashobora guhagararirwa;
- 2° icyari cyaratanzweho indagano cyangiritse cyose uwayitanze akiriho;
- 3° uwahawe indagano ayanze cyangwa habayeho impamvu zituma yakwa uburenganzira bwo kwakira indagano.

Ingingo ya 45: Iseswa ry'indagano

